Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Amateka ya Ba Minisitiri / Ministerial Orders / Arrêtés Ministériels

Nº 007/16/10/TC ryo ku wa 28/10/2016
Iteka rya Minisitiri ryerekeye ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara…….3
Nº 007/16/10/TC of 28/10/2016
Ministerial Order relating to maternity leave benefits scheme……3
Nº 007/16/10/TC du 28/10/2016
Arrêté Ministériel relatif au régime des prestations de congé de maternité…….3

Nº 001/07.01 ryo ku wa 23/10/2016
Iteka rya Minisitiri rigena umubare, amoko, imiterere n'imikoreshereze by'ibitabo by'irangamimerere…….27
Nº 001/07.01 of 23/10/2016
Ministerial Order determining the number, types, formats and use of civil status registers…..27
Nº 001/07.01 du 23/10/2016
Arrêté Ministériel déterminant le nombre, les types, les formats et l'utilisation des registres de l'état civil…….....27

B. Gutangaza Umudepite wa EALA/ Publication of EALA Member/ Publication d'un Député d'EALA

Gutangaza itorwa ry'Umudepite w'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EALA)……..64

Publication of a Rwanda Member of East African Legislative Assembly (EALA)……...64

Publication d'un Député du Rwanda à l'Assemblée Législative Est-Africaine (EALA)…….....64

C. Guhindura amazina / Change of names / Changement de noms

IRAKOZE Jean Baptiste…….65
NGWIJABANZI Eugène ……...…69
BAZIRUTWABO Illiminée Raissa…….....73

- ***Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina*** :

FURAHA Desange …….....77
UWAMALIYA Béatrice ……...77
BIHOYIKI Charlotte …….....78

D. Umuryango / Organization / Organisation

SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD ASSOCIATION «SACOLA»……79

E. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- CRPR……90
- BERWA MUKERARUGENDO ……91
- KOTEMIKA…….92
- KKUN……...93
- KODUMUIMU…….94
- SOCOFARU……..95
- TWITEZIMBERE BUSHEKERI …….96

ITEKA RYA MINISITIRI Nº007/16/10/TC RYO KU WA 28/10/2016 RYEREKEYE IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

MINISTERIAL ORDER Nº 007/16/10/TC OF 28/10/2016 RELATING TO MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

ARRETE MINISTERIEL Nº007/16/10/TC DU 28/10/2016 RELATIF AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize

UMUTWE WA II: UBURYO BWO KWIYANDIKISHA MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'umukoresha

Ingingo ya 4: Imenyekanisha ry'impinduka

Ingingo ya 5: Iyandikwa ry'abakozi

UMUTWE WA III: IBIKUBIYE MU MUSHAHARA MBUMBE UBARIRWAHO UMUSANZU W'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Definition of Social Security Administration

CHAPTER II: MODALITIES FOR REGISTRATION UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 3: Employer's registration

Article 4: Communication of changes

Article 5: Registration of employees

CHAPTER III: COMPONENTS OF THE GROSS SALARY TO WHICH THE CONTRIBUTION IS SUBSCRIBED UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale

CHAPITRE II: MODALITES D'ENREGISTREMENT AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Article 3: Enregistrement de l'employeur

Article 4: Notification de changements

Article 5: Enregistrement des employés

CHAPITRE III: COMPOSANTS DU SALAIRE BRUT SUR LEQUEL LA COTISATION EST SOUSCRITE AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Ingingo ya 6: Ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu

Ingingo ya 7: Ibigenerwa umukozi bitari amafaranga bitangwaho umusanzu

Ingingo ya 8: Igenwa ry'agaciro k'ibigenerwa umukozi bitari amafaranga

Ingingo 9: Ibigenerwa umukozi bidakurwaho umusanzu

Ingingo ya 10: Amafaranga ahabwa umukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi

UMUTWE WA IV: UBURYO BWO KUMENYEKANISHA NO KWISHYURA UMUSANZU MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Ingingo ya 11: Imenyekanisha ry'imisanzu

Ingingo ya 12: Kongera igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu

Ingingo ya 13: Iyishyurwa ry'imisanzu

UMUTWE WA V: UBURYO BWO KWISHYUZA IBIRARANE BY'IMISANZU Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Article 6: Components of the gross salary to which the contribution is subscribed

Article 7: Benefits in kind subject to contribution

Article 8: Determination of value for benefits in kind

Article 9: Allowances or indemnities not subject to contribution

Article 10: Allowances with compensatory character

CHAPTER IV: MODALITIES OF DECLARATION AND PAYMENT OF CONTRIBUTIONS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 11: Declaration of contributions

Article 12: Extension of the deadline for declaration of contributions

Article 13: Payment of contributions

CHAPTER V: MODALITIES OF RECOVERY OF CONTRIBUTIONS ARREARS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 6: Composants du salaire brut sur lequel la cotisation est souscrite

Article 7: Avantages en nature soumis à la cotisation

Article 8: Détermination de la valeur des avantages en nature

Article 9: Avantages ou indemnités non soumis à la cotisation

Article 10: Indemnités à caractère compensatoire

CHAPITRE IV: MODALITES DE DECLARATION ET DE PAIEMENT DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Article 11: Déclaration des cotisations

Article 12: Extension de la date limite de dépôt de déclaration des cotisations

Article 13: Paiement des cotisations

CHAPITRE V: MODALITES DE RECOUVREMENT DES ARRIERES DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Ingingo ya 14: Inyandiko imenyekanisha umusanzu ugomba kwishyurwa	**Article 14: Notice of assesment to the debtor employer**	**Article 14: Avis des cotisations à l'employeur débiteur**
Ingingo ya 15: Kwishyura mu byiciro	**Article 15: Payment in installments**	**Article 15: Paiement échelonné**
Ingingo ya 16: Inyandiko yihanangiriza	**Article 16: Warning letter**	**Article 16: Mise en demeure**
Ingingo ya 17: Uburenganzira bwo kujurira	**Article 17: Right to appeal**	**Article 17: Droit de recours**
Ingingo ya 18: Inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa	**Article 18: Statement of amount due**	**Article 18: Relevé des sommes dues**
Ingingo ya 19: Ifatira ry'umutungo w'umukoresha	**Article 19: Seizure of the employer's property**	**Article 19: Saisie du patrimoine de l'employeur**
Ingingo ya 20: Undi muntu wishyuzwa	**Article 20: Beholden third party**	**Article 20: Tierce partie redevable**
Ingingo ya 21: Uwishyura amafaranga yakoreshejwe mu kwishyuza	**Article 21: Burden of recovery costs**	**Article 21: Chargé des frais de recouvrement**
Ingingo ya 22: Ukutitabwaho kw'ibihe ntarengwa	**Article 22: Disregard of time limits**	**Article 22: Non-respect des délais**
UMUTWE WA VI: UBURYO BWO KWISHYURWA IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA	**CHAPTER VI: PROCEDURE FOR PAYMENT OF MATERNITY LEAVE BENEFITS**	**CHAPITRE VI: PROCEDURE DE PAIEMENT DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**
Ingingo ya 23: Kwishyura amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara	**Ingingo ya 23: Payment of maternity leave benefits**	**Article 23: Paiement des prestations de congé de maternité**
Ingingo ya 24: Gusaba gusubizwa amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara yishyuwe	**Article 24: Request for reimbursement for maternity leave benefits**	**Article 24: Demande de remboursement des prestations de congé de maternité**

Ingingo ya 25: Ibyangombwa bisabwa usaba gusubizwa amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara

Ingingo ya 26: Kwinjiza amakuru akubiye muri porogaramu y'ikoranabuhanga

Ingingo ya 27: Kumenyesha umwanzuro

Ingingo ya 28: Kubara ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara

Ingingo ya 29: Uburyo bukoreshwa mu gusubiza ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara

Ingingo ya 30: Uburenganzira bwo gukora ipererezа

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 31: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyijen'iri teka

Ingingo ya 32: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 25: Documents required for the request for reimbursement of maternity leave benefits

Article 26: Entry of data into the electronic system

Article 27: Communication of the decision

Article 28: Computation of maternity leave benefits

Article 29: Reimbursement method of maternity leave benefits

Article 30: Right to investigate

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

Article 31: Repealing provision

Article 32: Commencement

Article 25: Documents requis pour la demande de remboursement des prestations de congé de maternité

Article 26: Saisie des données dans le système informatique

Article 27: Notification de la décision

Article 28: Calcul des prestations de congé de maternité

Article 29: Mode de remboursement des prestations de congé de maternité

Article 30: Droit à l'enquête

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Article 31: Disposition abrogatoire

Article 32: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI Nº007/16/10/TC RYO KU WA 28/10/2016 RYEREKEYE IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko nº 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5, iya 6, iya 9, iya 10 n'iya 12;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 12/10/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

<u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena:

MINISTERIAL ORDER Nº 007/16/10/TC OF 28/10/2016 RELATING TO MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

The Minister of Finance and Economic Planning;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law nº 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme, especially in Articles 5, 6, 9, 10 and 12;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 12/10/2016;

HEREBY ORDERS:

<u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS

<u>Article One</u>: Purpose of this Order

This Order determines:

ARRETE MINISTERIEL Nº007/16/10/TC DU 28/10/2016 RELATIF AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi nº 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité, spécialement en ses articles 5, 6, 9, 10 et 12;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 12/10/2016;

ARRETE:

<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES

<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine:

1° uburyo bwo kwiyandikisha mu buyobozi bw'Ubwiteganyirize;

2° ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu;

3° uburyo imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusanzu bikorwa;

4° uburyo ibihano byo kudatanga umusanzu ku gihe bitangwa;

5° uburyo bwo kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize

Muri iri teka, "Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize" bisobanura Ubuyobozi Bukuru bw'ikigo cya Leta gifite ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu nshingano zacyo.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO KWIYANDIKISHA MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'umukoresha

Umukoresha agomba kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu

1° modalities for registration with the Social Security Administration;

2° components of the gross salary to which the contribution is subscribed;

3° modalities of declaration and payment of the contribution;

4° modalities for imposing penalties for non-remittance of a contribution on time;

5° procedures for payment of maternity leave benefits.

Article 2: Definition of Social Security Administration

For purposes of this Order, "Social Security Administration" means the General Directorate of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme.

CHAPTER II: MODALITIES FOR REGISTRATION UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 3: Employer's registration

Every employer is required to register in maternity leave benefits scheme by use of a

1° les modalités d'enregistrement auprès de l'Administration de la Sécurité sociale;

2° les composants du salaire brut sur lequel la cotisation est souscrite;

3° les modalités de déclaration et de paiement de cotisation;

4° les modalités d'application des pénalités pour non-paiement de la cotisation à temps;

5° les procédures de paiement des prestations de congé de maternité.

Article 2: Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale

Aux fins du présent arrêté, "l'Administration de la Sécurité Sociale" signifie la Direction Générale de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions.

CHAPITRE II: MODALITES D'ENREGISTREMENT AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Article 3: Enregistrement de l'employeur

Chaque employeur est tenu d'enregistrement au régime des prestations de congé de

kiruhuko cyo kubyara yifashishije ifishi yabugenewe mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki umukoresha yahereyeho umukozi wa mbere akazi.

prescribed form, within seven (7) working days, following the date of employment of the first employee.

maternité, en utilisant un formulaire prescrit, dans les sept (7) jours ouvrables suivant la date de recrutement du premier employé.

Ifishi isaba kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yuzuzwa nk'uko bisabwa, igashyirwaho itariki n'umukono w'umukoresha cyangwa umuhagarariye.

The application form for registration with the maternity leave benefits scheme is completed as required, dated and signed by the employer or his/her representative.

La fiche de demande d'enregistrement au régime des prestations de congé de maternité est complétée comme exigée, datée et signée par l'employeur ou son représentant.

Ifishi isaba kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yohererezwa Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize binyujijwe mu ishami ryabwo riri hafi cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

The application form for registration with the maternity leave benefits scheme is submitted to the Social Security Administration through its nearest branch or by electronic means.

La fiche de demande d'enregistrement au régime des prestations de congé de maternité est soumise à l'Administration de la Sécurité Sociale à travers sa branche la plus proche ou par voie électronique.

Ku bw'iri teka, ikigo gifite amashami menshi, inzego, udushami, za biro, ububiko, amangazini, byaba bikorera ahantu hamwe cyangwa ahantu hatandukanye, bifatwa nk'umukoresha umwe.

For purposes of this Order, an institution which consists of several branches, departments, sections, sub-offices, depots, stores, whether situated in the same place or in different places, is considered as one employer.

Aux fins du présent arrêté, une institution composée de plusieurs branches, départements, sections, sous-bureaux, dépôts, magasins, qu'ils soient situés dans le même lieu ou dans des lieux différents, est considérée comme un seul employeur.

Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwo kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bumenyesha umukoresha nomero bwamuhaye mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi uhereye umunsi inyandiko isaba yakiriweho.

After consideration of the application for registration with the maternity leave benefits scheme, the Social Security Administration issues and communicates to the employer its registration number within seven (7) working days from the date of reception of the application.

Après examen de la demande d'enregistrement au régime des prestations de congé de maternité, l'Administration de la Sécurité Sociale délivre et communique à l'employeur, son numéro d'enregistrement endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.

Ingingo ya 4: Imenyekanisha ry'impinduka

Buri mukoresha amenyesha mu nyandiko, impinduka iyo ari yo yose ya ngombwa yabaye ku kigo harimo aho abarizwa n'imiterere y'umurimo mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki impinduka yabereyeho.

Umukoresha wese uhagaritse by'agateganyo cyangwa burundu ibikorwa bye agomba kubimenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yahagarikiye cyangwa yarekeye gukora.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize buhagarika by'agateganyo cyangwa burundu inumero y'umukoresha.

Ingingo ya 5: Iyandikwa ry'abakozi

Iyo umukozi mushya adasanganywe inomero y'ubwiteganyirize, umukoresha agomba kumwandikisha, yuzuza inyandiko yabugenewe ashyikiriza Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikira umunsi yamuhereyeho akazi.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko yujujwe n'umukoresha ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize

Article 4: Communication of changes

Each employer communicates in writing, any necessary change occured in the institution, including contact address and the nature of activities within seven (7) working days following the date on which the change occurred.

Any employer who suspends or stops its operations must, communicate in writing, to the Social Security Administration within fifteen days (15) of suspension or cessation of operations.

After examining the communication referred to in Paragraph 2 of this Article, the Social Security Administration proceeds to the suspension or closure of the employer's registration number.

Article 5: Registration of employees

If a new employee does not have a registration number, the employer is required to register him/her by filling the appropriate form and submitting it to the Social Security Administration within seven (7) days of the employment of the employee.

After consideration of the application form referred to in Paragraph One of this Article, the Social Security Administration, through the

Article 4: Notification de changements

Chaque employeur notifie par écrit, tout changement nécessaire survenu à l'entreprise, notamment l'adresse de contacts et la nature d'activités, dans les sept (7) jours ouvrables suivant la date à laquelle le changement est survenu.

Tout employeur qui suspend ou cesse ses activités doit le notifier par écrit à l'Administration de la Sécurité Sociale dans les quinze (15) jours de la suspension ou la cessation des activités.

Après avoir examiné la notification visée à l'alinéa 2 du présent article, l'Administration de la Sécurité Sociale procède à la suspension ou radiation du numéro d'immatriculation de l'employeur.

Article 5: Enregistrement des employés

Lorsqu'un nouvel employé n'a pas de numéro d'affiliation, l'employeur est tenu de lui faire enregistré en remplissant le formulaire prescrit à cet effet et le soumettre à l'Administration de la Sécurité Sociale dans sept (7) jours qui suivent la date du recrutement de cet employé.

Après examen du formulaire de demande rempli par l'employeur visé à l'alinéa premier du présent article, l'Administration de la

bubinyujije ku mukoresha, bumenyesha umukozi inomero ye mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uhereye umunsi inyandiko isaba yakiriweho.

Umukozi agomba kubika inomero ye y'ubwiteganyirize mu gihe cyose akiri mu kazi.

UMUTWE WA III: IBIKUBIYE MU MUSHAHARA MBUMBE UBARIRWAHO UMUSANZU W'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Ingingo ya 6: Ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu

Umusanzu ugenewe ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ubarirwa ku mushahara mbumbe ugizwe n'umushahara shingiro, inyungu, ibihembo by'ibiruhuko byishyurwa, inyongera, ibihembo binyuranye n'izindi nyungu zose z'amafaranga ahwanye n'iby'umukozi abona bitari amafaranga.

Ingingo ya 7: Ibigenerwa umukozi bitari amafaranga bitangwaho umusanzu

Ibigenerwa umukozi bitari amafaranga ni ibintu cyangwa serivisi umukoresha agenera umukozi ku buntu cyangwa ku giciro

employer, issues and communicates to the employee his/her registration number within seven (7) working days from the date of receipt of the application.

The employee must keep his/her social security registration number throughout his/her career.

CHAPTER III: COMPONENTS OF THE GROSS SALARY TO WHICH THE CONTRIBUTION IS SUBSCRIBED UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 6: Components of the gross salary to which the contribution is subscribed

The contribution due to maternity leave benefits scheme is based on the gross salary composed of basic salary, earnings, paid leave allowances, various allowances and bonuses, gratuities and other fringe benefits as well as the cash value of the benefits in kind.

Article 7: Benefits in kind subject to contribution

Benefits in kind are goods or services that are provided by the employer to the employee free of charge or on favorable terms for personal use. Such benefits include the following:

Sécurité Sociale, à travers l'employeur, délivre et communique à l'employé son numéro d'affiliation endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.

L'employé doit garder son numéro d'affiliation tout le long de sa carrière.

CHAPITRE III: COMPOSANTS DU SALAIRE BRUT SUR LEQUEL LA COTISATION EST SOUSCRITE AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Article 6: Composants du salaire brut sur lequel la cotisation est souscrite

La cotisation due au régime des prestations de congé de maternité est basée sur le salaire brut composé du salaire de base, des gains, des indemnités de congés payés, des différentes indemnités, des primes et gratifications, des avantages en argent ainsi que de la contre-valeur des avantages en nature.

Article 7: Avantages en nature soumis à la cotisation

Les avantages en nature soumis à la cotisation sont des biens ou des services fournis par l'employeur à l'employé gratuitement ou aux

gihendutse ngo abikoreshe ubwe. Muri ibyo umukozi agenerwa harimo ibi bikurikira:

1° icumbi;
2° ibikoresho by'itumanaho bigendanwa;
3° kwishyurirwa siporo n'imyidagaduro;
4° kwishyurirwa ibiruhuko;
5° kwishyurirwa ifunguro;
6° imigabane mu bigo by'ubucuruzi;
7° imyambaro y'akazi;
8° ibindi byose byagenerwa umukozi byafatwa muri urwo rwego.

<u>Ingingo ya 8</u>: Igenwa ry'agaciro k'ibigenerwa umukozi bitari amafaranga

Agaciro k'ikintu cyangwa serivisi bihawe umukozi nk'inyungu kangana n'amafaranga byaguzwe.

Mu gihe agaciro k'ibyaguzwe kavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kadashobora kumenyekana, agaciro kagenwa hashingiwe kuri politiki ya Guverinoma y'imishahara ku birebana n'abakozi ba Leta.

1° accommodation facilitation;
2° mobile tools of communication;
3° sports and recreational facilitation;
4° leave or vacation facilitation;
5° meals;
6° company shares;
7° work uniforms;
8° any other allowance that may be considered as such.

<u>Article 8:</u> Determination of value for benefits in kind

The value of a good or service given to an employee as a benefit is equivalent to its acquisition value.

In case the acquisition value referred to in Paragraph One of this Article is not determined, the value of the benefit is determined based on the Government policy establishing the value of components of remuneration for public servants.

conditions favorables pour un usage personnel. Ces avantages sont notamment les suivants:

1° le logement;
2° les appareils portables de communication;
3° la prise en charge de sport et loisirs;
4° la prise en charge du congé ou vacances;
5° la restauration;
6° les actions en société;
7° les uniformes de service;
8° tout autre avantage qui peut être considéré comme tel.

<u>Article 8:</u> Détermination de la valeur des avantages en nature

La valeur d'un bien ou du service donné à un employé comme un avantage équivaut à sa valeur d'acquisition.

Dans le cas où la valeur d'acquisition visée à l'alinéa premier du présent article ne peut pas être déterminée, la valeur de l'avantage est fixée sur base de la politique salariale du Gouvernement en ce qui concerne les agents de l'Etat.

Imisanzu ku bigenerwa umukozi bitari amafaranga ikatwa mu kwezi byatanzwemo.

Contributions on benefits in kind are levied for the month the service or good are provided.

Les cotisations sur les avantages en nature sont déduites pour le mois d'acquisition du bien ou du service fourni.

Ingingo 9: Ibigenerwa umukozi bidakurwaho umusanzu

Ibigenerwa umukozi bikurikira ntibikatwaho umusanzu:

1° imperekeza z'irangira ry'akazi;

2° impamba y'izabukuru;

3° imperekeza zishingiye ku isezererwa;

4° andi mafaranga ahabwa umukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi.

Article 9: Allowances or indemnities not subject to contribution

The following allowances or indemnities are not subject to contribution:

1° termination benefits;

2° retirement benefits;

3° dismissal compensation;

4° any other allowances that have a compensatory character.

Article 9: Avantages ou indemnités non soumis à la cotisation

Les avantages ou indemnités suivants ne sont pas soumis à la cotisation:

1° les indemnités de départ;

2° les indemnités de mise à la retraite;

3° les indemnités de licenciement;

4° les autres indemnités à caractère compensatoire.

Ingingo ya 10: Amafaranga ahabwa umukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi

Amafaranga atangwa ku mukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi arimo aya akurikira:

1° amafaranga y'urugendo;

2° amafaranga y'ubutumwa bw'akazi;

3° amafaranga yishyuwe ku mpamvu z'itumanaho;

Article 10: Allowances with compensatory character

The allowances that have a compensatory character include the following:

1° transport allowances;

2° mission fees;

3° communication fees;

Article 10: Indemnités à caractère compensatoire

Les indemnités à caractère compensatoire sont notamment:

1° les indemnités de transport;

2° les frais de mission;

3° les frais de communication;

4° amafaranga yo gufasha umuryango w'umukozi;

5° amafaranga yishyuwe mu kwivuza;

6° amafaranga atangwa ku mpamvu z'aho umukozi akorera hahenze;

7° amafaranga yo kwakira abashyitsi;

8° amafaranga y'ubuzima n'umutekano mu kazi;

9° amafaranga y'ibikoresho;

10° andi mafaranga yose ashobora gufatwa muri urwo rwego.

UMUTWE WA IV: UBURYO BWO KUMENYEKANISHA NO KWISHYURA UMUSANZU MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Ingingo ya 11: Imenyekanisha ry'imisanzu

Imenyekanisha ry'imisanzu rikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga rw'ikigo cya Leta gishinzwe ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara kandi rigomba kugaragaza ibi bikurikira:

1° inomero y'umukoresha mu bwiteganyirize;

4° family allowances;

5° medical expenses;

6° cost of living allowances;

7° entertainment allowances;

8° safety and sanitation allowances;

9° tools allowances;

10° any other allowance that may be considered as such.

CHAPTER IV: MODALITIES OF DECLARATION AND PAYMENT OF CONTRIBUTIONS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 11: Declaration of contributions

Declaration of contributions is done electronically on the website of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme and must contain the following information:

1° employer's registration number;

4° les allocations familiales;

5° les frais médicaux dépensés;

6° les indemnités de vie chère;

7° les frais de représentation;

8° les indemnités de santé et sécurité;

9° les primes d'outillage;

10° toute autre indemnité qui peut être considérée comme telle.

CHAPITRE IV: MODALITES DE DECLARATION ET DE PAIEMENT DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Article 11: Déclaration des cotisations

La déclaration des cotisations est faite par voie électronique sur le site web de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions et doit contenir les informations suivantes:

1° le numéro d'enregistrement de l'employeur;

2° izina n'aderesi by'umukoresha;

3° imirimo akora;

4° ukwezi kumenyekanishijwe;

5° nomero ya buri mukozi mu bwiteganyirize;

6° umushahara utanzweho umusanzu;

7° itariki imenyekanisha ritangiweho.

Imenyekanisha iryo ari ryo ryose ryanditse nabi cyangwa ridasomeka ntirisuzumwa, risubizwa umukoresha kugira ngo rikosorwe.

Gusubiza umukoresha imenyekanisha ntibigira ingaruka ku gihe cyagenwe n'itegeko cyo kumenyekanisha no kwishyura imisanzu kimwe no ku bihano by'ubukererwe.

<u>Ingingo ya 12</u>: Kongera igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu

Iyo umukoresha agaragaje impamvu zifite ishingiro zatumye adashobora gukora imenyekanisha ry'umusanzu ku gihe cyagenwe, ashobora gusaba mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize, iyongerwa ry'igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu mu minsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu kirangira.

2° name and address of the employer;

3° sector of activities;

4° month declared;

5° registration number of each employee;

6° salary subject to contributions;

7° date of deposit of the declaration.

Any declaration badly worded or unreadable is not considered and is returned to the employer for correction.

Sending back the declaration to the employer does not affect the prescribed legal period for declaration and payment of contributions and the application of penalties for late payment.

<u>Article 12</u>: Extension of the deadline for declaration of contributions

If the employer presents valid reasons justifying his/her inability to make declaration of contributions on prescribed time, he/she may apply in writing to the Social Security Administration for an extension of the deadline at least fifteen (15) days before the deadline for contributions declaration.

2° la raison sociale et l'adresse de l'employeur;

3° le domaine d'activités;

4° le mois déclaré;

5° le numéro d'enregistrement de chaque employé;

6° le salaire soumis aux cotisations;

7° la date de dépôt de la déclaration.

Toute déclaration mal libellée ou illusible n'est pas considérée et est retournée à l'employeur pour correction.

Le renvoi de la déclaration à l'employeur n'a pas d'incidence sur le délai légal prescrit pour la déclaration et le paiement des contributions et l'application de pénalités de retard.

<u>Article 12:</u> Extension de la date limite de dépôt de déclaration des cotisations

Si l'employeur présente des raisons valables justifiant son impossibilité à faire la déclaration des cotisations dans les délais impartis, il peut demander par écrit à l'Administration de la Sécurité Sociale, l'extension de la date limite de dépôt de déclaration des cotisations au moins quinze (15) jours avant l'expiration de la date limite de déclaration des cotisations.

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bushobora kongerera umukoresha igihe cyo kumenyekanisha imisanzu.

Icyakora, inyongera y'igihe ntacyo ihindura ku ibarwa ry'ibihano by'ubukererwe.

Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenza iminsi mirongo itatu (30).

Ingingo ya 13: Iyishyurwa ry'imisanzu

Iyishyurwa ry'imisanzu mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara riherekezwa n'urutonde rw'abakozi rugaragaza umushahara buri mukozi yahembwe mu kwezi kubanziriza igihe rikorewe.

Imenyekanisha ryemerwa gusa ku itariki imisanzu yose igomba kwishyurwa yishyuriweho.

UMUTWE WA V: UBURYO BWO KWISHYUZA IBIRARANE BY'IMISANZU Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

Ingingo ya 14: Inyandiko imenyekanisha umusanzu ugomba kwishyurwa

Mu gihe hari imisanzu itishyuwe, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bwohereza umukoresha inyandiko imenyekanisha umusanzu.

The Social Security Administration may grant to the employer the extension period for declaration of contributions.

However, the extension does not affect accrual of penalties of arrears.

The period of extension cannot exceed thirty (30) days.

Article 13: Payment of contributions

Payment of contributions under the maternity leave benefits scheme is accompanied by a list of employees indicating the salary paid to each employee in the preceding month.

The declaration is accepted only on the date on which all the required contributions are paid.

CHAPTER V: MODALITIES OF RECOVERY OF CONTRIBUTIONS ARREARS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME

Article 14: Notice of assesment to the debtor employer

In case of unpaid contributions, the Social Security Administration submits a notice of assessment to the debtor employer.

L'Administration de la Sécurité Sociale peut accorder à l'employeur la période d'extension de déclaration des cotisations.

Toutefois, cette extension n'affecte pas l'accumulation des pénalités de retard.

La période d'extension ne peut pas dépasser trente (30) jours.

Article 13: Paiement des cotisations

Le paiement des cotisations sous le régime des prestations de congé de maternité est accompagné par une liste des employés indiquant, le salaire versé à chaque employé au cours du mois précédent.

La déclaration est acceptée uniquement sur la date à laquelle les cotisations requises sont payées.

CHAPITRE V: MODALITES DE RECOUVREMENT DES ARRIERES DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE

Article 14: Avis des cotisations à l'employeur débiteur

En cas de non-paiement des cotisations, l'Administration de la Sécurité Sociale soumet un avis des cotisations à l'employeur débiteur.

Inyandiko imenyekanisha umusanzu ugomba kwishyurwa igaragaza ibi bikurikira:

1° igiteranyo cy'imisanzu itarishyuwe hashingiwe ku bihembwe bijyanye na yo;

2° ibihano by'ubukererwe mu kwishyura imisanzu;

3° ibihano by'ubukererwe biturutse ku kutamenyekanisha imisanzu.

Inyandiko imenyekanisha umusanzu isaba iyishyurwa ry'amafaranga yose mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yakiriwe.

Iyo umukoresha atemeye ibikubiye muri iyi nyandiko, ashyikiriza Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cyavuzwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, inyandiko zigaragaza uburyo abibona hifashishijwe ibimenyetso.

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bumenyesha icyemezo bwafashe ku nyandiko igaragaza uburyo umukoresha abibona mu minsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye igihe bwakiriye iyo nyandiko. Iyo nta gisubizo gitanzwe muri icyo gihe, ubusabe bw'umukoresha bufatwa nk'aho butemewe.

The notice of assessment indicates the following:

1° a total of contributions not paid for basing on related periods;

2° penalties for delay of payment of contributions;

3° penalties for delay of declaration of contributions.

The notice of assessment requests for payment of the total amount due within a period of thirty (30) days counted from the date of receipt of the notice.

If the employer does not agree with the content of the notice of assesment, he/she submits to the Social Security Administration his/her written observations with supporting evidences within the time limit specified in Paragraph 3 of this Article.

The Social Security Administration notifies the employer of its decision on the observations within a period of thirty (30) days counted from the date of receipt of the submission. If no response is given to the employer within that period, the request is considered as rejected.

L'avis des cotisations indique ce qui suit:

1° la somme totale des cotisations non payées sur base des périodes y relatives;

2° les pénalités de retard dues pour non versement des cotisations;

3° pénalités de retard de déclaration des cotisations.

L'avis des cotisations invite l'employeur à s'acquitter de la totalité du montant dû dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de la réception de l'avis.

Si l'employeur conteste le contenu de l'avis des cotisations, il soumet à l'Administration de la Sécurité Sociale dans le délai prévu à l'alinéa 3 du présent article, ses observations écrites avec preuves à l'appui.

L'Administration de la Sécurité Sociale communique sa décision sur les observations de l'employeur dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de leur réception. Si aucune réponse n'est donnée à l'employeur dans ce délai, la requête est considérée comme rejetée.

Ingingo ya 15: Kwishyura mu byiciro

Iyo agaragaje impamvu zifatika, umukoresha ashobora gusaba Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize kwishyura umwenda mu byiciro, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yaboneye inyandiko imenyekanisha cyangwa igisubizo cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize byavuzwe mu ngingo ya 14 y'iri teka.

Umuyobozi Mukuru w'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize ashyiraho amabwiriza n'uburyo bikurikizwa mu kwishyura mu byiciro.

Ingingo ya 16: Inyandiko yihanangiriza

Iyo imisanzu itishyuwe mu gihe giteganywa mu ngingo ya 14 y'iri teka cyangwa nk'uko byemeranyijwe mu kwishyura mu byiciro, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bwohereza umukoresha inyandiko yihanangiriza igaragaza umwenda ugezweho, imusaba kwishyura mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe aboneye inyandiko yihanangiriza imumenyesha n'ingaruka zo mu rwego rw'amategeko mu gihe yaba atishyuye.

Ingingo ya 17: Uburenganzira bwo kujurira

Mbere y'uko umukoresha aregera urukiko ku byemezo by'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize, ashyikiriza ikibazo cye Inama y'Ubuyobozi y'ikigo cya Leta gishinzwe ubwishingizi

Article 15: Payment in installments

If he/she presents justifiable reasons, the employer may apply to the Social Security Administration for payment of amounts due in installments within thirty (30) days counted from the date of receipt of notice of assessment or response from Social Security Administration mentioned in Article 14 of this Order.

The Director General of the Social Security Administration sets rules and conditions of payment in installment.

Article 16: Warning letter

In case contributions are not paid within the time limit specified in Article 14 of this Order or as agreed upon in case of payment in installments, the Social Security Administration sends a warning letter to the employer, indicating updated amount to be paid within fifteen (15) days from the receipt of the warning letter informing him/her of legal consequences in case of default.

Article 17: Right to appeal

Before the employer files a case in the court against the decision of the Social Security Administration, he/she submits the matter to the Board of Directors of the public institution

Article 15: Paiement échelonné

S'il présente des motifs valables, l'employeur peut demander à l'Administration de la Sécurité Sociale un paiement échelonné des sommes dues dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de la réception de l'avis des cotisations ou de la réponse de l'Administration de la Sécurité Sociale mentionnée à l'article 14 du présent arrêté.

Le Directeur Général de l'Administration de la Sécurité Sociale fixe les règles et conditions de paiement échelonné.

Article 16: Mise en demeure

Si les cotisations dues ne sont pas payées dans le délai prévu à l'article 14 du présent arrêté ou conformément aux périodes convenues en cas de paiement échelonné, l'Administration de la Sécurité Sociale envoie à l'employeur une mise en demeure indiquant le montant actualisé à payer, dans un délai de quinze (15) jours à compter de la réception de la mise en demeure lui informant les conséquences légales découlant du non-paiement.

Article 17: Droit de recours

Avant de saisir la justice contre la décision prise par l'Administration de la Sécurité Sociale, l'employeur soumet le cas au Conseil d'Administration de l'institution publique

bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu minsi mirongo itatu (30) y'akazi ikurikira igihe yakiriye inyandiko yihanangiriza.

Inama y'Ubuyobozi bw'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize, imenyesha umukoresha icyemezo yafashe ku bujurire yashyikirijwe mu minsi mirongo itatu (30) y'akazi uhereye igihe yakiriye ubwo bujurire. Iyo nta gisubizo umukoresha ahawe muri icyo gihe ubujurire bwe bufatwa nk'aho butemewe.

Ubujurire bw'umukoresha buhagarika iyishyuzwa kugeza ubwo Inama y'Ubuyobozi y'ikigo cya Leta gishinzwe ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ibufasheho icyemezo, ariko ntibuhagarika kwiyongera kw'ibihano by'ubukererwe.

<u>Ingingo ya 18</u>: Inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa

Iyo ukwihanangiriza ntacyo kugezeho mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi, Umuyobozi Mukuru w'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize akora inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yose agomba kwishyurwa.

in charge of maternity leave benefits scheme within thirty (30) working days following the date of receipt of the warning letter.

The Board of Directors of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme notifies the employer of its decision within thirty (30) days following the date of receipt of the appeal. If the employer is not notified of any decision within that period, the appeal is considered as rejected.

The appeal of the employer interrupts the recovery procedure until the decision of the Board of Directors of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme, but does not interrupt the accrual of penalties on arrears.

<u>Article 18</u>: Statement of amount due

In case the warning letter does not have any effect within fifteen (15) working days, the Director General of the Social Security Administration makes a statement of amount due.

ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions endéans trente (30) jours ouvrables suivant la date de réception de la mise en demeure.

Le Conseil d'Administration de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions notifie sa décision à l'employeur dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception du recours. Si aucune décision n'a été portée à la connaissance de l'employeur dans ce délai, le recours est considéré comme rejeté.

Le recours de l'employeur a pour effet d'interrompre la procédure de recouvrement jusqu'à la décision du Conseil d'Administration de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions, mais n'interrompt pas l'accumulation des pénalités de retard.

<u>Article 18</u>: Relevé des sommes dues

Dans le cas où la mise en demeure reste sans effet dans les quinze (15) jours ouvrables, le Directeur Général de l'Administration de la Sécurité Sociale fait un relevé des sommes dues à l'employeur.

Iyo nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yose agomba kwishyurwa, ifatwa nk'urubanza rwaciwe kandi rugomba kurangizwa mu nzira zose zemewe n'amategeko nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe umukoresha ayiboneye.

Amafaranga yagaragajwe mu nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa nta na rimwe yarenga amafaranga ari mu nyandiko yihanangiriza.

Ingingo ya 19: Ifatira ry'umutungo w'umukoresha

Iyo umukoresha adashyize mu bikorwa ibikubiye mu nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bufatira imitungo yimukanwa cyangwa itimukanwa y'umukoresha, yaba iri mu maboko ye cyangwa mu maboko y'undi muntu, kugira ngo hishyurwe imisanzu n'ibihano bijyanye na yo.

Ifatira n'itezwa rya cyamunara by'imitungo yafatiriwe bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 20: Undi muntu wishyuzwa

Umuntu wese ufite umutungo w'umukoresha wishyuzwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize ategetswe, abisabwe n'umuhesha w'inkiko, kuriha amafaranga arimo umukoresha cyangwa agaciro k'ibintu bye biri mu maboko

The statement of amount due is considered as enforceable judgement throughout all legal means after fifteen (15) days counted from the date the employer has received it.

The amount disclosed in the statement of amount due does not in any case exceed the amount indicated in the warning letter.

Article 19: Seizure of the employer's property

In case the employer does not pay the amount indicated in the statement of amount due, the Social Security Administration proceeds with seizure of any movable or immovable property of the employer, whether held by the latter or any third party, in order to recover the owed contributions and penalties thereon.

The seizure and public auction of the attached property is done in accordance with relevant laws.

Article 20: Beholden third party

Any third party who is in possession of property of the employer debtor of the Social Security Administration must, on demand by the bailiff, pays the due amount owed by the employer or the value of the property of the

